

Itegure Gukoresha Canvas



Kugira ngo dushobore gutangiza neza urubuga rwa Canvas mu mashuri rusange y'akarere ka Fayette ndetse n'ayisumbuye, twakoze iyi nyandiko kugira ngo dufashe abanyeshuri n'imiryango kugira uruhare mu kureba niba ibikoresho/mudasobwa zabo byarateguwe. Nyamuneka kurikiza intambwe zikurikira kugira ngo Canvas ibe iteguwe MBERE y'umunsi wa mbere w'umwaka w'amashuri 2020-21.

1. Kuramo ibidakenewe muri **Mushakisha (Browser)**.
2. Zimya ibikoresho hanyuma utangire bushya.
3. Vugurura **Browser ya Chrome** ku bikoresho bitari **Chromebook**.
4. Emerera (tanga uburenganzira) cookies zose.
5. Injira muri **Canvas**
6. Hamagara Ibiro bifasha Abanyeshuri / Imiryango kuri **859-381-4410** mu gihe ukeneye ubufasha .

1. Gukuraho Cache za Browser (mushakisha)

Mushakisha zose zungukira mu gukuraho ibyo bita “cache”, ariko Mushakisha ya Chrome yitwara neza cyane iyo bikuwemo kenshi. Uyikoresha arashobora gusohoka kuri konte ya Gmail ye, ariko caches akenshi zikomeza kuba inyuma y'ibimaze gukorwa. Ibi bintu bishobora guteza amakimbirane hagati ya imeri ya FCPS na Canvas.

- Intambwe zo gukuramo Cache muri Browser (Indimi umunani zitangwa)

2. Kuzimya ibikoresho (mudasobwa)

Iyo ibikoresho bidatangirwa mu buryo bumenyereye, bishobora guteza ibibazo muri Canvas n'izindi mbuga nyinshi zo ku murongo. Chromebook zikunda kwibasirwa cyane n'ibibazo, kandi gufunga ecran/ sikrini ntabwo ari kimwe no kuzimya no kwongera

kwatsa. Ibiro bishinzwe Ikoranabuhanga (tekinoroji)bya FCPS birasaba gukoresha buto ya Power kugira ngo uzimye nibura rimwe mu cyumweru.

3. Kuvugurura Browser (mushakisha) ya Chromebook

Ku gikoresho cyose kitari Chromebook, menya neza kuvugurura Browser ya Chrome kuri verisiyo ya 83. Browser (Mushakisha) kuri Chromebook igomba kuvugururwa hakoreshejwe gutangira bushya byavuzwe haruguru ku nomero ya 2.

4. Emerera Cookies zose

Umaze kurangiza Intambwe ya 1 n'ya 2, hita winjira muri Browser, by'umwihariko Chrome, kandi "utange uburenganzira (wemerere) cookies zose".(Allow all cookies)

- Fungura igenamiterere rya Chrome mu gice cyo hejuru cy'iburyo bwa ekran/sikrini.
- Kanda kuri Privacy and Security (Amabanga n'umutekano) biri ku ruhande rw'ibumoso.
- Hitamo, cookies hamwe n'andi makuru y'urubuga.
- Suzuma, Emerera cookies zose.

5. Kwinjira muri Canvas

Kugira ngo umenye ibibazo byose byo kwinjira mbere y'igihe, nyamuneka winjire muri Canvas unyuze muri Google Drive App waffle mbere y'itariki ya 26 Kanama 2020. Inzira ni imwe nk'ya Google Classroom, enVision, Collections, hamwe n'izindi mbuga z'integanyanyigisho. Kanda werekeza hasi muri waffle kugira ngo ubone igishushanyo cya Canvas hanyuma ukande kugira ngo ufungure.

Nyamuneka hamagara **Iburo bifasha imiryango mu bijyanye n'Ikoranabuhanga** (tekinoloji) kuri 8593814410 kugira ngo bagufashe niba utinjije neza muri Canvas.

- [Ubusobanuro bwa Canvas ku banyeshuri](#) - bukubiyemo ishusho ya Google Drive App waffle
- [Ubusobanuro bwa Canvas ku miryango](#)

([Kanda kugira ngo ubone izindi ndimi zasobanuwemo](#) iby'ubwo busobanuro bwombi.)

Ishusho ikurikira irerekana uko ikibaho gisanzwe cya Canvas (Canvas Dashboard) gisa icyo umaze kwinjira neza.

The screenshot shows the Canvas Dashboard interface. At the top left, there is a navigation sidebar with icons for Account, Dashboard, Courses, Calendar, Inbox, and Help. The main content area features a central graphic of three balloons (pink, blue, and orange) with the text "Nothing More To Do" and "Scroll up to see your history!". Below this is a red "Add To-Do" button. Three green text boxes with arrows pointing to specific elements provide instructions: one points to the sidebar, another to the balloons, and a third to the "Add To-Do" button.

Dashboard

NEW ACTIVITY ↑

Account

Dashboard

Courses

Calendar

Inbox

Help

If you can see this screen, with the blue navigation sidebar, you have **SUCCESSFULLY** logged into Canvas.

The balloons are what many student Dashboards will look like until their teachers **PUBLISH** their courses. Some students could possibly see old courses.

Some Dashboards may show a list view, instead, with a "television" image at the top of the screen. Underneath the image will be the phrase, *Beginning of Your To-Do History*.

Nothing More To Do

Scroll up to see your history!

Add To-Do

INSTRUCTURE

Privacy Policy Acceptable Use Policy Facebook Twitter

6. Guhamagara Ibiro bifasha Abanyeshuri/Imiryango kuri 859-381-4410 ngo uhabwe ubufasha

Niba kwinjira muri Canvas bitagenze neza, nyamuneka hamagara Ibiro bifasha kugira ngo bigufashe. Bashobora gufasha gusubiramo ijambobanga (password) cyangwa ibindi bibazo bishobora kubangamira kugera (kwinjira) muri Canvas.



Fayette County Public Schools

Office of
Instructional
Technology